Ishingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 29, iya 64, iya 69, iya 70, iya 88, iya 90, iya 91, iya 106, iya 120 n'iya 176;	Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 2003 revised in 2015, especially in Articles 29, 64, 69, 70, 88, 90, 91, 106, 120 and 176;	Vu la Constitution de la République du Rwanda de 2003 révisée en 2015, spécialement en ses articles 29, 64, 69, 70, 88, 90, 91, 106, 120 et 176 ;
Isubiye ku Itegeko n° 68/2018 ryo ku wa 30/08/2018 riteganya ibyaha n'ibihano muri rusange;	Having reviewed Law n° 68/2018 of 30/08/2018 determining offences and penalties in general;	Revu la Loi n° 68/2018 du 30/08/2018 déterminant les infractions et les peines en général ;

YEMEJE:	ADOPTS:	ADOPTÉ:
<p><u>Ingingo ya mbere: Igabanya ry'igihano mu gihe hari impamvu nyoroshyacyaha zemezwa n'umucamanza</u></p> <p>Ingingo ya 60 y'Itegeko n° 68/2018 ryo ku wa 30/08/2018 riteganya ibyaha n'ibihano muri rusange ihinduwe ku buryo bukurikira:</p> <p><u>"Ingingo ya 60: Igabanya ry'igihano mu gihe hari impamvu nyoroshyacyaha zemezwa n'umucamanza</u></p> <p>Iyo hari impamvu nyoroshyacyaha, ibihano bishobora kugabanywa ku buryo bukurikira :</p> <p>1 ° haseguriwe ibiteganywa mu ngingo ya 92 n'iya 133 z'iri tegeko, igihano cyo gufungwa burundu gishobora kugabanywa ariko ntikijye munsi y'imyaka makumyabiri n'itanu (25) ;</p> <p>2 ° igihano cy'igifungo kimara igihe kizwi cyangwa ihazabu bishobora kugabanywa ariko ntibijye munsi y'igihano gito ntarengwa giteganyirijwe icyaha cyakozwe."</p>	<p><u>Article one: Reduction of penalties in case of mitigating circumstances approved by a judge</u></p> <p>Article 60 of Law n° 68/2018 of 30/08/2018 determining offences and penalties in general is amended as follows:</p> <p><u>"Article 60: Reduction of penalties in case of mitigating circumstances approved by a judge</u></p> <p>If there are mitigating circumstances, penalties may be reduced as follows:</p> <p>1 ° subject to the provisions of Articles 92 and 133 of this Law, life imprisonment may be reduced but it cannot be less than twenty-five (25) years;</p> <p>2 ° a fixed-term imprisonment or a fine may be reduced but it cannot be less than the minimum sentence provided for the offence committed."</p>	<p><u>Article premier : Réduction des peines en cas de circonstances atténuantes appréciées par le juge</u></p> <p>L'Article 60 de la Loi n° 68/2018 du 30/08/2018 déterminant les infractions et les peines en général est modifié comme suit:</p> <p>« <u>Article 60 : Réduction des peines en cas de circonstances atténuantes appréciées par le juge</u></p> <p>S'il existe des circonstances atténuantes, les peines peuvent être réduites comme suit:</p> <p>1 ° sous réserve des dispositions des articles 92 et 133 de la présente loi, la peine d'emprisonnement à perpétuité peut être réduite mais ne peut aller en dessous de vingt-cinq (25) ans;</p> <p>2 ° la peine d'emprisonnement à durée déterminée ou la peine d'amende peuvent être réduites mais sans aller en dessous du minimum de la peine prévue pour l'infraction commise. »</p>

<u>Ingingo ya 2: Igisobanuro cy'imbabazi zitangwa n'itegeko</u>	<u>Article 2: Definition of amnesty</u> Article 68 of Law n° 68/2018 of 30/08/2018 determining offences and penalties in general is amended as follows: “Amnesty is a pardon granted in the general interest and for offences that were committed in a given time.”	<u>Article 2 : Définition de l'amnistie</u> L'article 68 de la Loi n° 68/2018 du 30/08/2018 déterminant les infractions et les peines en général est modifié comme suit: « L'amnistie est le pardon accordé pour l'intérêt général et pour les infractions qui ont été commises dans un temps donné. »
<u>Ingingo ya 3: Ihanwa ry'icyaha cya Jenoside</u> Ingingo ya 92 y'Itegeko n° 68/2018 ryo ku wa 30/08/2018 riteganya ibyaha n'ibihano muri rusange ihinduwe ku buryo bukurikira: “Umuntu wese ukoze kimwe mu bikorwa bivugwa mu ngingo ya 91 y'iri tegeko aba akoze icyaha. Iyo abihamijwe n'urukiko ahanishwa igifungo cya burundu kidashobora kugabanywa kubera impamvu nyoroshyacyaha.	<u>Article 3: Punishment of the crime of genocide</u> Article 92 of Law n° 68/2018 of 30/08/2018 determining offences and penalties in general is amended as follows: “Any person who commits any of the acts referred to under Article 91 of this Law commits an offence. Upon conviction, he or she is liable to the penalty of life imprisonment that cannot be mitigated by any circumstances. However, if the convict was a child at the time of commission of the offence, he or she is punished in accordance with the provisions of Article 54 of this Law.”	<u>Article 3: Répression du crime de génocide</u> L'article 92 de la Loi n° 68/2018 du 30/08/2018 déterminant les infractions et les peines en général est modifié comme suit: « Toute personne qui commet l'un quelconque des actes visés à l'article 91 de la présente loi commet une infraction. Lorsqu'elle en est reconnue coupable, elle est passible d'une peine d'emprisonnement à perpétuité qui ne peut être réduite par aucune circonstance atténuante. Toutefois, lorsque la personne reconnue coupable était un enfant lors de la commission de l'infraction, elle est punie conformément aux dispositions de l'article 54 de la présente loi. »

<u>Ingingo ya 4: Gusambanya umwana</u>	<u>Article 4: Child defilement</u>	<u>Article 4 : Viol sur enfant</u>
<p>Ingingo ya 133 y'Itegeko n° 68/2018 ryo ku wa 30/08/2018 riteganya ibyaha n'ibihano muri rusange ihinduwe ku buryo bukurikira:</p> <p>“Umutu wese ukorera ku mwana kimwe mu bikorwa bishingiye ku gitsina bikurikira, aba akoze icyaha:</p> <ul style="list-style-type: none"> 1 ° gushyira igitsina mu gitsina, mu kibuno cyangwa mu kanwa k’umwana; 2 ° gushyira urugingo urwo arirwo rwose rw’umubiri w’umuntu mu gitsina, cyangwa mu kibuno cy’umwana; 3 ° gukora ikindi gikorwa cyose ku mubiri w’umwana hagamijwe ishimishamubiri. <p>Iyo abihamijwe n’urukiko, ahanishwa igifungo kitari munsi y’imyaka makumyabiri (20) ariko kitarenze imyaka makumyabiri n’itanu (25).</p> <p>Iyo umuntu mukuru asambanyije umwana uri munsi y’imyaka cumi n’ine (14), igihano kiba igifungo cya burundu kidashobora kugabanywa kubera impamvu nyoroshyacyaha.</p>	<p>Article 133 of Law n° 68/2018 of 30/08/2018 determining offences and penalties in general is amended as follows:</p> <p>“Any person who commits any of the sex related acts listed below on a child, commits an offence:</p> <ul style="list-style-type: none"> 1 ° insertion of a sexual organ into the sexual organ, anus or mouth of the child; 2 ° insertion of any organ of the human body into a sexual organ or anus of a child; 3 ° performing any other act on the body of a child for the purpose of bodily pleasure. <p>Upon conviction, he or she is liable to imprisonment for a term of not less than twenty (20) years and not more than twenty-five (25) years.</p> <p>If an adult person commits child defilement on a child under fourteen (14) years, the penalty is life imprisonment that cannot be mitigated by any circumstances.</p>	<p>L’article 133 de la Loi n° 68/2018 du 30/08/2018 déterminant les infractions et les peines en général est modifié comme suit:</p> <p>« Toute personne qui commet sur un enfant l’un des actes d’ordre sexuel suivants, commet une infraction:</p> <ul style="list-style-type: none"> 1 ° introduire le sexe d’une personne dans le sexe, l’anus ou la bouche d’un enfant; 2 ° introduire tout organe du corps humain dans le sexe ou l’anus d’un enfant; 3 ° faire tout autre acte sur le corps d’un enfant en vue du plaisir corporel. <p>Lorsqu’elle en est reconnue coupable, elle est passible d’un emprisonnement d’au moins vingt (20) ans mais n’excédant pas vingt-cinq (25) ans.</p> <p>Lorsqu’une personne majeure commet le viol sur un enfant de moins de quatorze (14) ans, la peine est portée à l’emprisonnement à perpétuité qui ne peut être réduit par aucune circonstance atténuante.</p>

<p>Iyo umuntu mukuru asambanyije umwana ufile cyangwa urengeje imyaka cumi n'ine (14) bigatera umwana indwara idakira cyangwa ubumuga, igihano kiba igifungo cya burundi.</p>	<p>If an adult person commits child defilement on a child of fourteen (14) years of age or older has resulted into an incurable illness or disability, the penalty is life imprisonment.</p>	<p>Lorsqu'une personne majeure commet le viol sur un enfant de quatorze (14) ans ou plus et que cela entraîne une maladie incurable ou une infirmité pour l'enfant, la peine est portée à l'emprisonnement à perpétuité.</p>
<p>Iyo umuntu mukuru asambanyije umwana bigakurikirwa no kumugira umugabo cyangwa umugore, igihano kiba igifungo cya burundi kidashobora kugabanyawa kubera impamvu nyoroshyacyaha.</p>	<p>If an adult person commits child defilement which is followed by cohabitation as husband and wife, the penalty is life imprisonment that cannot be mitigated by any circumstances.</p>	<p>Lorsqu'une personne majeure commet le viol sur un enfant lequel viol est suivi de cohabitation en tant que mari et femme, la peine est portée à l'emprisonnement à perpétuité qui ne peut être réduit par aucune circonstance atténuante.</p>
<p>Iyo umwana ufile imyaka cumi n'ine (14) ariko utarageza ku myaka cumi n'umunani (18) y'amavuko asambanyije umwana uri munsi y'imyaka cumi n'ine (14), ahanwa hakurikijwe ibiteganywa mu ngingo ya 54 y'iri tegeko.</p>	<p>If a child aged fourteen (14) years but who is not yet eighteen (18) years commits child defilement on a child under fourteen (14) years, he/she is punished in accordance with the provisions of Article 54 of this Law.</p>	<p>Lorsqu'un enfant âgé de quatorze (14) ans mais qui n'a pas atteint dix-huit (18) ans commet le viol sur un enfant de moins de quatorze (14) ans, il est puni conformément aux dispositions de l'article 54 de la présente loi.</p>
<p>Iyo umwana ufile nibura imyaka cumi n'ine (14) asambanyije umwana ufile nibura imyaka cumi n'ine (14) akoresheje imbaraga, iterabwoba, uburiganya cyangwa abikoze ku bw'intege nke z'uwalkorewe icyaha, ahanwa hakurikijwe ibiteganywa mu ngingo ya 54 y'iri tegeko."</p>	<p>If a child aged at least fourteen (14) years commits child defilement on a child aged at least fourteen (14) years by use of force, threats, trickery or who does so on grounds of vulnerability of the victim, he/she is punished in accordance with the provisions of Article 54 of this Law."</p>	<p>Lorsqu'un enfant âgé d'au moins quatorze (14) ans commet le viol sur un enfant âgé d'au moins quatorze (14) ans, soit par violence, menace, ruse ou soit en abusant de la faiblesse de la victime, il est puni conformément aux dispositions de l'article 54 de la présente loi. »</p>
<p><u>Ingingo ya 5: Ubusambanyi, uko buhanwa n'uko bukurikiranwa</u></p>	<p><u>Article 5: Adultery, its prosecution and punishment</u></p>	<p><u>Article 5: Adultère, poursuite et répression de l'adultère</u></p>
<p>Ingingo ya 136 y'Itegeko n° 68/2018 ryo ku wa</p>	<p>Article 136 of the Law n° 68/2018 of</p>	<p>L'article 136 de la Loi n° 68/2018 du</p>

<p>30/08/2018 riteganya ibyaha n'ibihano muri rusange ihinduwe ku buryo bukurikira:</p>	<p>30/08/2018 determining offences and penalties in general is amended as follows:</p>	<p>30/08/2018 déterminant les infractions et les peines en général est modifié comme suit:</p>
<p>“Umuntu wese washyingiwe ukorana imibonano mpuzabitsina n'uwo batashyingiranywe, aba akoze icyaha. Iyo abihamijwe n'urukiko ahanishwa igifungo kitari munsi y'amezi atandatu (6) ariko kitarenze umwaka umwe (1).</p>	<p>“Any spouse who has sexual intercourse with a person other than his or her spouse, commits an offence. Upon conviction, he or she is liable to imprisonment for a term of not less than six (6) months and not more than one (1) year.</p>	<p>« Tout époux qui a des relations sexuelles avec une personne autre que son époux, commet une infraction. Lorsqu'il en est reconnu coupable, il est possible d'un emprisonnement d'au moins six (6) mois mais n'excédant pas un (1) an.</p>
<p>Gukurikirana icyaha cy'ubusambanyi ntibishobora kuba hatareze uwahemukiwe mu bashyingiranywe ku buryo bwemewe n'amategeko. Muri icyo gihe, hakurikiranwa uwarezwe n'uwakoranye icyaha na we.</p>	<p>Prosecution of adultery can only be initiated upon complaint of the offended spouse. In that case, prosecution is initiated against the accused spouse and the co-offender.</p>	<p>La poursuite pour adultère ne peut être engagée que sur plainte de l'époux offendé. Dans ce cas, la poursuite est engagée contre l'époux accusé et son coauteur.</p>
<p>Uwahemukiwe ashobora gusaba guhagarika ikurikirana ry'urubanza, aho rwaba rugeze hose, iyo yisubiyeho akareka ikirego cye. Uigureka urubanza cyangwa irangiza ryarwo bigira ingaruka no kuwakoranye icyaha n'uregwa.”</p>	<p>The offended spouse may, at any stage of the procedure, request for termination of the proceedings when he or she changes his or her mind and drops the complaint. The dropping of the proceedings or the execution of the judgment has effects on the co-offender.”</p>	<p>L'époux offendé peut, à tous les degrés de la procédure, demander l'arrêt de la poursuite s'il se rétracte et retire sa plainte. L'arrêt de la poursuite ou de l'exécution du jugement entraîne des effets sur le co-auteur. »</p>
<p><u>Ingingo ya 6: Ikurikirana ry'icyaha cy'ubushoreke n'icyo guta urugo</u></p>	<p><u>Article 6: Prosecution of the offence of concubinage and desertion of the marital home</u></p>	<p><u>Article 6: Poursuite pour l'infraction de concubinage et abandon du domicile conjugal</u></p>
<p>Ingingo ya 140 y'Itegeko n° 68/2018 ryo ku wa 30/08/2018 riteganya ibyaha n'ibihano muri rusange ihinduwe ku buryo bukurikira:</p> <p>“Gukurikirana icyaha cy'ubushoreke n'icyo</p>	<p>Article 140 of the Law n° 68/2018 of 30/08/2018 determining offences and penalties in general is amended as follows:</p> <p>“Prosecution of the offence of concubinage and</p>	<p>L'article 140 de la Loi n° 68/2018 du 30/08/2018 déterminant les infractions et les peines en général est modifié comme suit:</p> <p>« La poursuite pour l'infraction de concubinage</p>

<p>guta urugo ntibishobora kuba hatareze uwahemukiwe mu bashyingiranywe.</p>	<p>desertion of the marital home can only be initiated upon complaint of the offended spouse.</p>	<p>et abandon du domicile conjugal ne peut être engagée que sur plainte de l'époux offensé.</p>
<p>Uwahemukiwe ashobora gusaba guhagarika ikurikirana ry'urubanza, aho rwaba rugeze hose, iyo yisubiyeho akareka ikirego cye. Uigureka urubanza cyangwa irangiza ryarwo bigira ingaruka no kuwakoranye icyaha n'uregwa.”</p>	<p>The offended spouse may, at any stage of the procedure, request for termination of the proceedings when he or she changes his or her mind and drops the complaint. The dropping of the proceedings or the execution of the judgment has effects on the co-offender.”</p>	<p>L'époux offensé peut, à tous les degrés de la procédure, demander l'arrêt de la poursuite s'il se rétracte et retire sa plainte. L'arrêt de la poursuite ou de l'exécution du jugement entraîne des effets sur le co-auteur. »</p>
<p><u>Ingingo ya 7: Gusebya mu ruhame imihango y'idini</u></p>	<p><u>Article 7: Public defamation of religious rituals</u></p>	<p><u>Article 7: Outrage public d'un culte religieux</u></p>
<p>Ingingo ya 154 y'Itegeko n° 68/2018 ryo ku wa 30/08/2018 riteganya ibyaha n'ibihano muri rusange ivanyweho.</p>	<p>Article 154 of the Law n° 68/2018 of 30/08/2018 determining offences and penalties in general is repealed.</p>	<p>L'article 154 de la Loi n° 68/2018 du 30/08/2018 déterminant les infractions et les peines en général est abrogé.</p>
<p><u>Ingingo ya 8: Gufata nabi amatungo yororerwa mu rugo, kuyakomeretsa cyangwa kuyica</u></p>	<p><u>Article 8: Abuse, injure or kill domestic animals</u></p>	<p><u>Article 8: Maltraiter, blesser ou tuer les animaux domestiques</u></p>
<p>Ingingo ya 190 y'Itegeko n° 68/2018 ryo ku wa 30/08/2018 riteganya ibyaha n'ibihano muri rusange ihinduwe ku buryo bukurikira:</p>	<p>Article 190 of the Law n° 68/2018 of 30/08/2018 determining offences and penalties in general is amended as follows:</p>	<p>L'article 190 de la Loi n° 68/2018 du 30/08/2018 déterminant les infractions et les peines en général est modifié comme suit:</p>
<p>“Umuntu wese, ku bw'inabi, ufata nabi amatungo cyangwa inyamaswa zororerwa mu rugo cyangwa uyatwara nabi ku buryo bubangamira ubuzima bwayo, aba akoze icyaha. Iyo abihamijwe n'urukiko, ahanishwa igifungo kitari munsi y'iminsi umunani (8)</p>	<p>“Any person who, maliciously, abuses or transports livestock or domestic animals in a way that compromises their health, commits an offence. Upon conviction, he or she is liable to imprisonment for a term of not less than eight (8) days and not more than two (2) months, a</p>	<p>« Toute personne qui, méchamment, maltraite ou transporte des bestiaux ou animaux domestiques de façon à compromettre leur santé, commet une infraction. Lorsqu'elle en est reconnue coupable, elle est passible d'un emprisonnement d'au moins huit (8) jours mais</p>

<p>ariko kitarenze amezi abiri (2), ihazabu y'amaranga y'u Rwanda atari munsi y'ibihumbi mirongo itanu (50.000 FRW) ariko atarenze ibihumbi ijana (100.000 FRW) n'imirimo y'inyungu rusange mu gihe kitarenze iminsi cumi n'itanu (15) cyangwa kimwe gusa muri ibyobihano.</p>	<p>fine of not less than fifty thousand Rwandan francs (FRW 50,000) and not more than one hundred thousand Rwandan francs (FRW 100,000) and a community service in a period not exceeding fifteen (15) days or only one of these penalties.</p>	<p>n'excédant pas deux (2) mois, d'une amende d'au moins cinquante mille francs rwandais (50.000 FRW) mais n'excédant pas cent mille francs rwandais (100.000 FRW) et des travaux d'intérêt général d'une période n'excédant pas quinze (15) jours ou de l'une de ces peines seulement.</p>
<p>Iyo gufata amatungo nabi cyangwa kuyatwara nabi byayaviriyemo gukomereka cyane cyangwa urupfu, igihano kiba igifungo kitari munsi y'amezi abiri (2) ariko kitarenze amezi atandatu (6).</p>	<p>If the malicious abuse or transportation of livestock or domestic animals causes serious injury or death to the livestock or domestic animals, the penalty is an imprisonment for a term of not less than two (2) months and not more than (6) months.</p>	<p>Lorsque le mauvais traitement ou transport des bestiaux ou animaux domestiques a causé de graves blessures ou la mort à ces bestiaux ou animaux domestiques, la peine est portée à un emprisonnement d'au moins deux (2) mois mais n'excédant pas six (6) mois.</p>
<p>Umuntu wese, ku bw'inabi wica cyangwa ukomeretsa bikomeye amatungo ye cyangwa ay'undi, aba akoze icyaha. Iyo abihamijwe n'urukiko, ahanishwa igifungo kitari munsi y'imyaka itanu (5) ariko kitarenze imyaka irindwi (7) n'ihazabu y'amaranga y'u Rwanda atari munsi y'ibihumbi magana atanu (500.000 FRW) ariko atarenze miliyoni imwe (1.000.000 FRW)."</p>	<p>Any person who, maliciously kills or seriously hurts livestock or domestic animals belonging to him/her or to another person, commits an offence. Upon conviction, he/she is liable to imprisonment for a term of not less than five (5) years and not more than seven (7) years with a fine of not less than five hundred thousand Rwandan francs (FRW 500,000) and not more than one million Rwandan francs (FRW 1,000,000) "</p>	<p>Toute personne qui, méchamment tue ou blesse gravement des bestiaux ou animaux domestiques lui appartenant ou appartenant à autrui, commet une infraction. Lorsqu'elle est reconnue coupable, elle est passible d'un emprisonnement d'au moins cinq (5) ans mais n'excédant pas sept (7) ans et d'une amende d'au moins cinq-cent-mille francs rwandais (500.000 FRW) mais n'excédant pas un million de francs rwandais (1.000.000 FRW) »</p>
<p><u>Ingingo ya 9: Gukoza isoni abayobozi b'igihugu n'abashinzwe umurimo rusange w'Ighugu</u></p>	<p>Article 9: Humiliation of national authorities and persons in charge of public service</p>	<p>Article 9: Outrage envers les autorités du pays et les agents du service public</p>
<p>Ingingo ya 233 y'Itegeko n° 68/2018 ryo ku wa 30/08/2018 riteganya ibyaha n'ibihano muri</p>	<p>Article 233 of the Law n° 68/2018 of 30/08/2018 determining offences and penalties</p>	<p>L'article 233 de la Loi n° 68/2018 du 30/08/2018 déterminant les infractions et les</p>

rusange ivanyweho.	in general is repealed.	peines en général est abrogé.
Ingingo ya 10: Gutuka cyangwa gusebya Perezida wa Repubulika	Article 10: Insults or defamation against the President of the Republic	Article 10: Injures ou diffamation contre le Président de la République
Ingingo ya 236 y'Itegeko n° 68/2018 ryo ku wa 30/08/2018 riteganya ibyaha n'ibihano muri rusange ivanyweho.	Article 236 of the Law n° 68/2018 of 30/08/2018 determining offences and penalties in general is repealed.	L'article 236 de la Loi n° 68/2018 du 30/08/2018 déterminant les infractions et les peines en général est abrogé.
Ingingo ya 11: Gukora ibikorwa byerekeranye n'ibiyobyabwenge cyangwa urusobe rw'imiti ikoreshwa nka byo	Article 11: Carrying out acts related to the use of narcotic drugs or psychotropic substances	Article 11: Faire des actes relatifs à l'usage illicite de stupéfiants ou de substances psychotropes
Ingingo ya 263 y'Itegeko n° 68/2018 ryo ku wa 30/08/2018 riteganya ibyaha n'ibihano muri rusange ihinduwe ku buryo bukurikira:	Article 263 of the Law n° 68/2018 of 30/08/2018 determining offences and penalties is amended as follows:	L'Article 263 de la Loi n° 68/2018 du 30/08/2018 déterminant les infractions et les peines en général est modifié comme suit:
“Umuntu wese ufatanwa, urya, unywa, witera, uhumeka cyangwa wisiga mu buryo ubwo aribwo bwose ibiyobyabwenge cyangwa urusobe rw'imiti ikoreshwa nka byo, aba akoze icyaha.	“Any person who, in any way, is caught with, eats, drinks, injects himself/herself, inhales or one who anoints oneself with narcotic drugs or psychotropic substances, commits an offence.	« Toute personne qui est attrapée en possession de stupéfiants ou de substances psychotropes, les consomme, s'en injecte, les inhale ou s'en oint, de quelque façon que ce soit, commet une infraction.
Umuntu wese uhamijwe n'urukiko gukora ibikorwa bivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo, ahanishwa igifungo kitari munsi y'umwaka umwe (1) ariko kitarenze imyaka ibiri (2) cyangwa imirimbo y'inyungu rusange.	Any person convicted of any of the acts mentioned in Paragraph One of this Article is liable to imprisonment for a term of not less than one (1) year and not more than two (2) years or subject to a penalty of community service.	Toute personne reconnue coupable de l'un des actes mentionnés à l'alinéa premier du présent article est passible d'un emprisonnement d'au moins un (1) an mais n'excédant pas deux (2) ans ou des travaux d'intérêt général.
Umuntu wese ukora, uhinga, uhindura, utunda, ubika, uha undi, ugurisha mu gihugu	Any person who, unlawfully produces, transforms, transports, stores, gives to another	Toute personne qui, illégalement, produit, transforme, transporte, entrepose, donne à

<p>ibiyobyabwenge cyangwa urusobe rw'imiti ikoreshwa nka byo mu buryo bunyuranije n'amategeko, aba akoze icyaha. Iyo abihamijwe n'urukiko ahanishwa:</p>	<p>or who sells in the country narcotic drugs or psychotropic substances commits an offence. Upon conviction, he/she is liable to:</p>	<p>autrui ou vend à l'intérieur du pays des stupéfiants ou des substances psychotropes, commet une infraction. Lorsqu'elle en est reconnue coupable, elle est passible de:</p>
<p>1 ° igifungo cya burundu n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda arenze miliyoni makumyabiri (20.000.000 FRW) ariko atarenze miliyoni mirongo itatu (30.000.000 FRW) ku byerekeye ibiyobyabwenge bihambaye;</p>	<p>1 ° life imprisonment and a fine of more than twenty million Rwandan francs (20,000,000 FRW) and not more than thirty million Rwandan francs (FRW 30,000,000) in regard to severe narcotic drugs;</p>	<p>1 ° un emprisonnement à perpétuité et une amende de plus de vingt millions de francs rwandais (20.000.000 FRW) mais n'excédant pas trente millions de francs rwandais (30.000.000 FRW) en cas de stupéfiants forts;</p>
<p>2 ° igifungo kitari munsi y'imyaka makumyabiri (20) ariko kitarenze imyaka makumyabiri n'itanu (25) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda atari munsi ya miliyoni cumi n'eshanu (15.000.000 FRW) ariko atarenze miliyoni makumyabiri (20.000.000 FRW) kubyerekeye ibiyobyabwenge bikomeye;</p>	<p>2 ° imprisonment for a term of not less than twenty (20) years and not more than twenty five (25) years and a fine of not less than fifteen million Rwandan francs (FRW 15,000,000) and not more than twenty million Rwandan francs (FRW 20,000,000) in regard to severe narcotic drugs;</p>	<p>2 ° un emprisonnement d'au moins vingt (20) ans mais n'excédant pas vingt-cinq (25) ans et d'une amende d'au moins quinze millions de francs rwandais (15.000.000 FRW) mais n'excédant pas vingt millions de francs rwandais (20.000.000 FRW) en cas de stupéfiants forts;</p>
<p>3 ° igifungo kitari munsi y'imyaka irindwi (7) ariko kitarenze imyaka icumi (10) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda atari munsi ya miliyoni eshanu (5.000.000 FRW) ariko atageze kuri miliyoni icumi (10.000.000 FRW) ku byerekeye ibiyobyabwenge byoroheje.</p>	<p>3 ° imprisonment for a term of not less than seven (7) years and not more than ten (10) years and a fine of not less than five million Rwandan francs (FRW 5,000,000) and less than ten million Rwandan francs (FRW 10,000,000) in regard to simple narcotics.</p>	<p>3 ° un emprisonnement d'au moins sept (7) ans mais n'excédant pas dix (10) ans et d'une amende d'au moins cinq millions de francs rwandais (5.000.000 FRW) mais inférieure à dix millions de francs rwandais (10.000.000 FRW) en cas de stupéfiants légers.</p>
<p>Iyo ibikorwa bivugwa mu gika cya 3 cy'iyi ngingo bikorewe ku mwana cyangwa bikozwe</p>	<p>If acts mentioned in Paragraph 3 of this Article are committed against a child or if they are</p>	<p>Lorsque les actes visés à l'alinéa 3 du présent article sont commis sur la personne d'un enfant</p>

<p>ku rwego mpuzamahanga, igihano kiba igifungo cya burundu n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda arenze miliyoni mirongo itatu (30.000.000 FRW) ariko atarenze miliyoni mirongo itanu (50.000.000 FRW).</p>	<p>committed at the international level, the penalty is a life imprisonment and a fine of more than thirty million Rwandan francs (FRW 30,000,000) and not more than fifty million Rwandan francs (FRW 50,000,000).</p>	<p>ou au niveau international, la peine est portée à un emprisonnement à perpétuité et à une amende de plus de trente millions de francs rwandais (30.000.000 FRW) mais n'excédant pas cinquante millions de francs rwandais (50.000.000 FRW).</p>
<p>Iteka rya Minisitiri ufiti ubuzima mu nshingano ze rishyiraho urutonde rw'ibiyobyabwenge bigize buri cyiciro."</p>	<p>An Order of the Minister in charge of health establishes a list of narcotic drugs that constitute each category."</p>	<p>Un arrêté du Ministre ayant la santé dans ses attributions détermine la liste des stupéfiants composants chaque catégorie. »</p>
<p><u>Iningo ya 12: Itegurwa, isuzumwa n'itorwa ry'iri tegeko</u></p>	<p><u>Article 12: Drafting, consideration and adoption of this Law</u></p>	<p><u>Article 12: Initiation, examen et adoption de la présente loi</u></p>
<p>Iri tegeko ryateguwe, risuzumwa kandi ritorwa mu rurimi rw'Ikinyarwanda.</p>	<p>This Law was drafted, considered and adopted in Ikinyarwanda.</p>	<p>La présente loi a été initiée, examinée et adoptée en Ikinyarwanda.</p>
<p><u>Iningo ya 13: Ivanwaho ry'ingingo z'amategeko zinyuranyije n'iri tegeko</u></p>	<p><u>Article 13: Repealing provision</u></p>	<p><u>Article 13: Disposition abrogatoire</u></p>
<p>Iningo zose z'amategeko abanziriza iri kandi zinyuranyije na ryo zivanyweho.</p>	<p>All prior legal provisions contrary to this Law are repealed.</p>	<p>Toutes les dispositions légales antérieures contraires à la présente loi sont abrogées.</p>
<p><u>Iningo ya 14: Igihe iri tegeko ritangira gukurikizwa</u></p>	<p><u>Article 14: Commencement</u></p>	<p><u>Article 14: Entrée en vigueur</u></p>
<p>Iri tegeko ritangira gukurikizwa ku munsi ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.</p>	<p>This Law comes into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.</p>	<p>La présente loi entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.</p>

Kigali, ku wa 08/11/2019 (Sé) KAGAME Paul Perezida wa Repubulika	Kigali, on 08/11/2019 (Sé) KAGAME Paul President of the Republic	Kigali, le 08/11/2019 (Sé) KAGAME Paul Président de la République
(Sé) Dr NGIRENTE Edouard Minisitiri w'Intebe	(Sé) Dr NGIRENTE Edouard Prime Minister	(Sé) Dr NGIRENTE Edouard Premier Ministre
Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika: (Sé) BUSINGYE Johnston Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta	Seen and sealed with the Seal of the Republic: (Sé) BUSINGYE Johnston Minister of Justice/Attorney General	Vu et scellé du Sceau de la République: (Sé) BUSINGYE Johnston Ministre de la Justice/Garde des Sceaux

ITEKA RYA MINISITIRI N° 20/MOJ/AG/19 RYO KU WA 29/11/2019 RYEMEZA IFUNGURWA RY'AGATEGANYO RY'UWAKATIWE	MINISTERIAL ORDER N° 20/MOJ/AG/19 OF 29/11/2019 APPROVING RELEASE ON PAROLE	ARRÊTÉ MINISTÉRIEL N° 20/MOJ/AG/19 DU 29/11/2019 APPROUVANT LA LIBÉRATION CONDITIONNELLE
<p><u>ISHAKIRO</u></p> <p><u>Ingingo ya mbere</u> : Kwemererwa ifungurwa ry'agateganyo</p> <p><u>Ingingo ya 2</u> : Ibyo uwakatiwe wafunguwe by'agateganyo agomba kubahiriza</p> <p><u>Ingingo ya 3</u> : Ihindurwa cyangwa ivanwaho ry'ibitegetswe kubahirizwa n'uwakatiwe wafunguwe by'agateganyo</p> <p><u>Ingingo ya 4</u> : Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri teka</p> <p><u>Ingingo ya 5</u> : Igihe iri teka ritangirira gukurikizwa</p>	<p><u>TABLE OF CONTENTS</u></p> <p><u>Article One</u>: Granting release on parole</p> <p><u>Article 2</u>: Condition to be fulfilled by the beneficiary of release on parole</p> <p><u>Article 3</u>: Modification or lifting of condition to be fulfilled by the beneficiary of release on parole</p> <p><u>Article 4</u>: Repealing provision</p> <p><u>Article 5</u>: Commencement</p>	<p><u>TABLE DES MATIÈRES</u></p> <p><u>Article premier</u> : Octroi de la libération conditionnelle</p> <p><u>Article 2</u> : Condition exigée du bénéficiaire de la libération conditionnelle</p> <p><u>Article 3</u> : Modification ou levée de la condition exigée du bénéficiaire de la libération conditionnelle</p> <p><u>Article 4</u> : Disposition abrogatoire</p> <p><u>Article 5</u> : Entrée en vigueur</p>

<p>ITEKA RYA MINISITIRI N° 20/MOJ/AG/19 RYO KU WA 29/11/2019 RYEMEZA IFUNGURWA RY'AGATEGANYO RY'UWAKATIWE</p> <p>Minisitiri w'Ubutabera akaba n'Intumwa Nkuru ya Leta,</p> <p>Ashingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015 cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 121, iya 122 n'iya 176 ;</p> <p>Ashingiye ku Itegeko n° 027/2019 ryo ku wa 19/09/2019 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'ishinjabyaha cyane cyane mu ngingo yaryo ya 234;</p> <p>Inama y'Abaminisitiri yateranye ku wa 28/11/2019, imaze kubisuzuma no kubyemeza;</p> <p>ATEGETSE :</p> <p><u>Iningo ya mbere : Kwemererwa ifungurwa ry'agateganyo</u></p> <p>Col. Dr UWIMANA Etienne wahamwe n'icyaha cyo kwica amategeko ya gasutamo mu rubanza nimero RPA 0020/018/HCM yemerewe ifungurwa ry'agateganyo.</p>	<p>MINISTERIAL ORDER N° 20/MOJ/AG/19 OF 29/11/2019 APPROVING RELEASE ON PAROLE</p> <p>The Minister of Justice and Attorney General,</p> <p>Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 2003 revised in 2015, especially in Articles 121, 122 and 176;</p> <p>Pursuant to Law n° 027/2019 of 19/09/2019 relating to criminal procedure, especially in Article 234;</p> <p>After consideration and approval by the Cabinet, in its session of 28/11/2019;</p> <p>ORDERS:</p> <p><u>Article One: Granting release on parole</u></p> <p>Col. Dr UWIMANA Etienne, convicted of customs offences related in case number RPA 0020/018/HCM is granted release on parole.</p>	<p>ARRÊTÉ MINISTÉRIEL N° 20/MOJ/AG/19 DU 29/11/2019 APPROUVANT LA LIBÉRATION CONDITIONNELLE</p> <p>Le Ministre de la Justice et Garde des Sceaux,</p> <p>Vu la Constitution de la République du Rwanda de 2003 révisée en 2015, spécialement en ses Articles 121, 122 et 176 ;</p> <p>Vu la Loi n° 027/2019 du 19/09/2019 portant procédure pénale, spécialement en son article 234 ;</p> <p>Après examen et adoption par le Conseil des Ministres, en sa séance du 28/11/2019 ;</p> <p>ARRÊTE :</p> <p><u>Article premier : Octroi de la libération conditionnelle</u></p> <p>Col. Dr UWIMANA Etienne condamné d'infractions douanières dans le procès numéro RPA 0020/018/HCM bénéficie de la libération conditionnelle.</p>
--	--	--

<u>Iningo ya 2 : Ibyo uwakatiwe wafunguwe by'agateganyo agomba kubahiriza</u>	<u>Article 2: Conditions to be fulfilled by the beneficiary of release on parole</u> The beneficiary of release on parole specified in Article One of this Order must seek authorisation from the Minister in charge of justice every time he wishes to go abroad. The condition provided for under Paragraph One of this Article cease to apply at the end of the remaining term of imprisonment the beneficiary of release on parole was supposed to serve.	<u>Article 2 : Conditions exigées du bénéficiaire de la libération conditionnelle</u> Le bénéficiaire de la libération conditionnelle visé à l'article premier du présent arrêté doit demander l'autorisation au Ministre chargé de la justice chaque fois qu'il veut se rendre à l'étranger. La condition mentionnée à l'alinéa premier du présent article cesse de s'appliquer à partir de la fin de la période d'emprisonnement qui restait à purger par le bénéficiaire de la libération conditionnelle.
<u>Iningo ya 3 : Ihindurwa cyangwa ivanwaho ry'ibitegetswe kubahirizwa n'uwalatiwe wafunguwe by'agateganyo</u> Ibitegetswe kubahirizwa n'uwalatiwe wafunguwe by'agateganyo, biteganywa mu ngingo ya 2 y'iri teka, bishobora guhindurwa cyangwa kuvanwaho hakurikijwe imyifatire y'uwalatiwe wafunguwe by'agateganyo. Uwakatiwe wafunguwe by'agateganyo ni we usaba ko ibitegetswebihindurwa cyangwa bivanwaho. Abisaba, mu nyandiko, Minisitiri ufile ubutabera mu nshingano.	<u>Article 3: Modification or lifting of the condition to be fulfilled by the beneficiary of release on parole</u> The condition to be fulfilled by the beneficiary of release on parole, provided for under Article 2 of this Order, may be modified or lifted depending on the conduct of the beneficiary of release on parole. The beneficiary of release on parole himself requests for the modification or lifting of the condition. The written request is addressed to the Minister in charge of justice.	<u>Article 3 : Modification ou levée de la condition exigée du bénéficiaire de la libération conditionnelle</u> La condition exigée du bénéficiaire de la libération conditionnelle, prévue par l'article 2 du présent arrêté, peut être modifiée ou levée en tenant compte du comportement du bénéficiaire de la libération conditionnelle. Le bénéficiaire de la libération conditionnelle demande lui-même la modification ou la levée de la condition. La demande écrite est adressée au Ministre chargé de la justice.

<u>Ingingo ya 4 : Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri teka</u> Ingingo zose z'amateka abanziriza iri kandi zinyuranyije na ryo zivanyweho.	Article 4: Repealing provision All prior provisions contrary to this Order are repealed.	Article 4 : Disposition abrogatoire Toutes les dispositions antérieures contraires au présent arrêté sont abrogées.
<u>Ingingo ya 5 : Igihe iri teka ritangirira gukurikizwa</u> Iri teka ritangira gukurikizwa ku munsi ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.	Article 5: Commencement This Order comes into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.	Article 5 : Entrée en vigueur Le présent arrêté entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.
Kigali, ku wa 29/11/2019 (Sé) BUSINGYE Johnston Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta	Kigali, on 29/11/2019 (Sé) BUSINGYE Johnston Minister of Justice/Attorney General	Kigali, le 29/11/2019 (Sé) BUSINGYE Johnston Ministre de la Justice/Garde des Sceaux
Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika: (Sé) BUSINGYE Johnston Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta	Seen and sealed with the Seal of the Republic: (Sé) BUSINGYE Johnston Minister of Justice/Attorney General	Vu et scellé du Sceau de la République : (Sé) BUSINGYE Johnston Ministre de la Justice/Garde des Sceaux